ISHURI RYA ISM/TTC MURAMBA RYAHIMBAJE UMUNSI WA MUTAGATIFU MARIYA GORETI N'UMUNSI WA CARITAS

Kuwa Gatandatu tariki ya 14 Nyakanga 2018, ishuri rya Mutagatifu Mariya Goretti /TTC MURAMBA ryahimbaje umunsi mukuru wa Caritas y'ishuri babihuza n'umunsi mukuru wa Mutagatifu Mariya Goretti waragijwe iryo shuri.

Uwo munsi mukuru watangijwe n'igitambo cya Missa cyatangiye saa tatu n'igice (9h30) kiyobowe na Padiri Mukuru wa Paruwasi ya MURAMBA, Padiri NZEYIMANA Colbert. Munyigisho, Padiri Mukuru yagarutse cyane ku buzima bwaranze Mutagatifu Mariya Goretti wemeye guhara amagara ye arengera ubusugi bwe kubera urukundo yarafitiye Imana , asaba urubyiruko rw'abakobwa kuba intwari nk'uwo Mutagagtifu wishwe akiri muto ku myaka 12. Muri cyo gitambo cya Missa basabiye uwahoze ari umuyobozi w'ikigo Mlle Griet BOSMANS wishwe azize abagizibanabi muri Mata 1997 waranzwe n'urukundo nyampuhwe n'ubutwari mu bihe bitoroshye.

Mu byaranze uwo munsi habaye no guhimbaza umunsi wa Caritas y'ishuri. Abafashe ijambo bagarutse ku rukundo ruranga abana biga muri iryo shuri. Umuyobozi w'ishuri BUTERA Jean Claude yagarutse ku muco w'urukundo wimitswe mu mitima y'abarera n'abarerwa muri ISM/TTC MURAMBA wo kwita ku bana bakennye kurusha abandi kandi urwo rukundo ntirugarukire mu kigo gusa ahubwo barugeza no ku baturanyi. Ibyo bigaragazwa n'ibikorwa bimaze gukorwa muri Caritas y'ishuri muri ibi bihembwe bibiri bya 2018 bihwanye na Frw 227 950 ari byo ibi bikurikira:

- ✓ Ibikoresho no gutabara abagize ibyago bihwanye Frw 194 950
- ✓ Gufasha abaturanyi bageze muzabukuru batishoboye batatu bahabwa ibiribwa n'imyambaro bihwanye na Frw 18 000
- ✓ Gufasha kwifasha ku mukene w'umuturanyi bamuha ingurube ifite agaciro ka Frw 15 000.

Kuri uwo munsi hafashijwe abanyeshuri babiri bahawe icyakabiri cya Minerval Y'IGIHEMBWE CYA KABIRI ihwanye na Frw 70 000.

Hamaze gutangwa imfashanyo ku banyeshuri babiri batoranijwe n'abagenzi babo, uhagarariye Umuyobozi wa Caritas ya Diyosezi, Mlle MUJAWAMARIYA Espérance wari waje kwifatanya nabo mu munsi mukuru wa Caritas yashimiye umuyobozi w'ishuri kuba yarabatumiye bakaza kwifatanya mu guhimbaza Umunsi mukuru w'ishuri kandi banahimbaza umunsi mukuru wa Caritas, abashimira ibikorwa byiza byakozwe bita kubanyeshuri bakennye kurusha abandi n'abagize ibyago ndetse bikarenga ishuri bikagera ku baturanyi. Yakomeje abashishikariza gukomeza uwo mutima ugira impuhwe mubufatanye bw'abana, abarezi, ababyeyi n'abandi bantu b'umutima mwiza. Asaba abanyeshuri kuzakomeza uwo mutima w'impuhwe aho bazajya hose kuko ibyo umuntu yakora byose nta rukundo ntacyo byaba bimaze.

Ibirori byashojwe na Padiri Mukuru wa paruwasi Muramba, NZEYIMANA Jean Colbert, wishimiye uburyo bateguye umunsi mukuru w'ishuri bakabihuza n'umunsi mukuru wa Caritas y'ishuri. Nibyiza cyane ko urukundo rwaranze abayobozi bahayoboye rukomeza gushyirwa mu bikorwa. Ibyo nibigaragaza uburere bwita koko ku Muntu Nyamuntu.

Mlle Espérance MUJAWAMARIYA.